




# INTAMBARA YEGEREJE


**Icyigisho cya 11 cyo ku wa 15 Kamena 2024**



"Ubereshe ukuri: ijambo ryawe ni ryo kuri."
(Yohana 17:17)

Mu binyejana byinshi, intambara hagati ya Kristo na Satani yashingiye ku kuramya. Kuramya Imana, cyangwa kuramya ikindi kintu cyose gihindanya ukuri kw'imico y'Imana.

Mu kwerekana ishusho itari yo y'imico y'Imana, Satani yabonye uko akoresha abantu, amadini na za leta mu kurimbura umuntu wese ushaka kuramya Umuremyi.

Ukuri-shingiro, nk'Amategeko y'Imana, kwaragoretswe ndetse (ku byerekeye Isabato) hafi kwibagirana. Urugamba ruheruka ruzashingira ku kuramya k'ukuri k'umunsi w'ukuri. Mutyo dusuzume ububasha Satani azakoresha muri urwo rugamba ruheruka.







**Intambara:**

- Kuramya.
- Kutarebera izuba.

**Umwanzi:**

- Intebe y'ikiyoka.
- Uruguma rwakize.
- Ikiyoka n'umwana w'intama.

# INTAMBARA

# KURAMYA

"Mwami wacu, Mana yacu, ukwiriye guhabwa icyubahiro no guhimbazwa n'ubutware koko, kuko ari wowe waremye byose. Igituma biriho kandi icyatumye biremwa ni uko wabishatse" (Ibyahishuwe 4:11)






Abo mu ijuru baramya Imana kubwo gukomera kw'imbaraga zayo zo kurema (Ibyahishuwe 4:11; Yobu 38:6–7).

Imana yigaragaza nk'Umuremyi n'Umucunguzi ukwiriye guhabwa kuramya kwacu (Yesaya 45:6–7, 18–20; 65:18).

Ubutumwa bubwirwa igisekuru giheruka burarikira isi kuramya Imana nk'Umuremyi (Ibyahishuwe 14:7).

Satani ku ruhande rwe yifuza kuramywa n'isi binyuze mu "nyamaswa" aha ububasha bwo "kurema" igishushanyo aboneramo kuramywa n'ab'isi bose (Ibyahishuwe 13:2, 4, 14–15).

Ntabwo bitangaje kuba mu bihe nk'ibi Isabato ari yo zingiro ry'intambara. "Abitondera amategeko y'Imana bakagira no kwizera kwa Yesu" (Ibyahishuwe 14:12) baramya Imana ku munsi wibutsa Irema.






# KUTAREBERA IZUBA

"Bazabaca mu masinagogi, kandi igihe kigiye kuza, uzabica wese azibwira ko akoreye Imana umurimo" (Yohana 16:2).



Urugamba rwacu si urw'umubiri, ahubwo ni urw'ibya mwuka (Abefeso 6:12). Ntidukoresha intwaro z'ibigaragara, ahubwo ni iza mwuka (2Abakorinto 10:3–5). Nyamara umwanzi ntazuyaza kuduterana intwaro z'ibigaragara.



Si iby'ubusa kuba abera bahura n'"ishyano", riterwa nuko Satani yibasiye itorero ryera (Ibyahishuwe 12:12). Kuri we, intwaro iyo ari yo yose yakoreshwa.

- Adushuka akurikije ibidukurura (Yakobo 1:14)
- Atwemeza akoresheje uburiganya (2Abakorinto 4:3–4)
- Akoresha benewacu (Matayo 10:34–36)
- Arakubita kandi agakangisha (Ibyakozwe 5:40)
- Akoresha ubugizi bwa nabi bukabije (Yohana 16:2)

Uku ni ko yakoraga kera, kandi ni nako igitero cye giheruka kizaba kiri: uburiganya n'ubuhendanyi (Ibyahishuwe 13:13–14), gushyiraho ibihano mu by'ubukungu (Ibyahishuwe 13:16–17), iteka ry'urupfu ku batamuramya (Ibyahishuwe 13:15).

# UMWANZI

# INTEBE Y'IKIYOKA

"Cya kiyoka kiyiha imbaraga zacyo n'intebe yacyo y'ubwami, n'ubutware bukomeye" (Ibyahishuwe 13:2b)

Ikiyoka gihagarariye Satani (Ibyahishuwe 12:9), naho iyi nyamaswa, ari nayo Satani agaragarizamo ububasha bwe, ni nayo ya nyamaswa ya 4 yo muri Daniyeli 7 (ikurikira intare, idubu n'ingwe; reba Ibyahishuwe 13: 2).



Ibyahishuwe 13 ni ubusobanuro bwagutse bw'igice cya 12. Hatangirana ibyakurikiye kugerageza kurimbura Yesu, no gusubira mu ijuru Kwe (Ibyahishuwe 12:3–5). Imirongo ibanza igaruka ku gitero cyagabwe ku itorero mu gihe cy'imyaka 1.260, naho ahasigaye hibanda ku byaduka igihe "Ikiyoka kirakarira wa mugore, ki[k]agenda ngo kirwanye abo mu rubyaro rwe basigaye" (Ibyahishuwe 12:17).



Nyuma y'aho Ingoma y'Abaroma giterewe n'amoko y'Ababarubaru, yacitsemo ibice. Buhoro buhoro, icyicaro cya Roma cyasigaye mu maboko y'itorero, bityo ribona ububasha bwa politiki bwayibashishije guhinduka ubutware bwo gutuka Imana no kurenganya abera (Ibyahishuwe 13:4–8).




# URUGUMA RWAKIZE



"Nihagira ujyana abandi ho iminyago na we ubwe azajyanwa ho umunyago, kandi uwicisha abandi inkota na we akwiriye kwicishwa inkota. Aho ni ho kwihangana kw'abera kuri no kwizera kwabo" (Ibyahishuwe 13:10)

Nyuma y'ibinyejana byinshi Itorero ry'i Roma rikoresha imbaraga zaryo "rijyana abantu ho iminyago" kandi "ryicisha inkota" (Ibyahishuwe 13:10), na ryo ubwaryo ryajyanyweho iminyago (ku ishusho y'umutware waryo Piyo wa VI) maze rikomereka "uruguma rwica" (Ibyahishuwe 13:3).

Nubwo Papa yakomeje kugenga ibihugu bye kugeza mu 1870, amaherezo yatakaje igihugu cye cyose ubwo Ubwami bw'Ubutaliyani bwashingwaga. Muri kiriya gihe, byasaga n'aho Itorero ritazigera risubirana ububasha ryahoranye.




Mu 1929, Umurwa wa Vatikani wemejwe nk'igihugu cyigenga. Uruguma rwari rutangiye gukira. Nonese ni iki cyajyaga gukurikiraho kuva ubwo?





Mu gihe ibyaduka biheruka birushaho kwigaragaza, umuyobozi w'isi azatabazwa ngo atange umuti w'akaga gakubiranye isi. Nta gushidikanya ko mu bisubizo bitangwa n'Ubupapa harimo kuruhuka ku Munsi wa Mbere w'icyumweru, nk'ikintu gikomeye cyazahura ubumwe bw'imiryango, amoko n'amahanga.



# IKIYOKA N'UMWANA W'INTAMA

"Nuko mbona indi nyamaswa izamuka iva mu butaka. Iyo yo yari ifite amahembe abiri nk'ay'umwana w'intama, ivuga nk'ikiyoka" (Ibyahishuwe 13:11)



Inyamaswa ya mbere yaturutse ku buhenebere bw'Itorero ryari ryaratangijwe na Yesu. Rimaze gukomereka, Satani yashatse "umuhanuzi w'ibinyoma" ngo arizūngūre kandi arifashe gukira uruguma (Ibyahishuwe 13:11; 16:13). Ikindi kandi, Satani yafashijwe n'ishyanga ryavutse rishingiye ku mahame meza y'Ubukristo: Amerika ya Ruguru.

Ni ishyanga ryatangiye ryīgāna Yesu (Umwana w'Intama). Ni republika (nta bami, cyangwa amakamba y'ubwami), kandi rishingiye ku gutandukanya ububasha bubiri (amahembe): ubwa gisivili n'ubw'iby'idini.

Nk'ishyanga riri ku ruhembe ku isi, ryamaze gutangira kuvuga nk'ikiyoka. Bidatinze rizatangira gushyiraho amategeko agenga iby'idini, kandi mu gushyigikira Ubupapa, rizarema "igishushanyo cy'inyamaswa" (Ibyahishuwe 13:12–14).



“Igishushanyo cy’iyi nyamaswa gihagarariye ubundi bubasha bw’iby’idini bufite imbaraga nk’izo. Igishushanyo gikorwa n’inyamaswa ifite amahembe nk’ay’umwana w’intama. Iyi nyamaswa imeze nk’umwana w’intama ni Leta Zunze Ubumwe za Amerika, igihugu gisa n’ikinyamahoro n’ikigwaneza. Amatorero yo muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika azahuriza hamwe ku ngingo z’amahame y’ukwizera amwe ahuriyeho. Nuko ayo matorero yunze ubumwe azatera Leta gushimangira amategeko yayo [amatorero] ndetse no gushyigikira ibigo by’ayo matorero. Icyo gihe ni bwo Amerika irangwa n’Ubuporotesitanti izaba iremye igishushanyo cy’ubupapa. Nibwo itorero ry’ukuri rizarenganywa nk’uko byagendekeye ubwoko bw’Imana bwa kera.”

E.G. White, *Story of Redemption*, chap. 54, 1.1167)